# M@GAZINE

## My STORY My VOiCE

NO: 08
Nzeri 2024




SAVE GENERATIONS ORGANIZATION

Save Generations Organization

Prepare, Empower and Equip the Future Generations

Umuryango nyarwanda, utari uwa Leta, uharanira iterambere ry'umwana, urubyiruko n'umugore.

Iki kinyamakuru cyandikwa ndetse kigasohorwa na **Save Generations Organization** itewe inkunga na **Kvinna Till Kvinna**

KVINNA KVINNA

Sverige

**UKENEYE AMAKURU KU BURYO BURAMBUYE WABARIZA AHA HAKURIKIRA:**

**Ikicaro gikuru cya Save Generations Organization :** Rwanda-Kigali-Gasabo-Remera – Nyabisindu-KG 8AV- Inzu no 104.

| Website | E-mail | YouTube | Twitter or X | Facebook, Instagram &In | Telefone |
|---|---|---|---|---|---|
| www. sgorwanda.rw | savegenerationsorganization@gmail.com | SGO Rwanda Official | @SaveGenOrg | Save Generations Organization | +250783812690<br>+250783018458<br>+250780227029 |

# NKIYISOMA

AKOKANYA MBONA INKURU NASHAKAGA.
NDAVUGA NTI

"WAAAAAWOOOO" INKURU YANJYE





# IJAMBO RY'IBANZE

## Muraho neza!

Abangavu n'ingimbi bageze mu kigero cy'imyaka 10-19, bagira imihindagurikire y'umubiri uko iminsi ijyenda iza, ibi bikabatera guhindura imyumvire ndetse bakagaragaza imyitwarire idasanzwe. Ni igihe abangavu, ingimbi ndetse n'urubyiruko muri rusange bashobora guhuriramo n'ingorane zitandukanye zirimo guterwa cyangwa gutera inda bakiri bato, guta amashuri, gufatwa nabi mu muryango bitewe n'imyitwarire bagaragaje ndetse hakabaho ubwo bakwanduzwa indwara zandurira mu mibonanompuzabitsina mugihe yakozwe idakingiye, mu gihe batagize amahitamo ashingiye ku makuru nyayo. Kwigishwa no kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere ni uburyo bwiza bwo guhangana n'ibi bibazo kuko bituma biyubakamo ikizere n'ubushobozi bibafasha kugira amahitamo meza no gufata ibyemezo bikwiriye ku mubiri wabo, bituma bamenya uburenganzira bafite yaba ubujyanye n'ibibakorerwa cyangwa ibyemezo bifatira bo ubwabo. Ni kubwiyo mpamvu, umuryango **Save Generations Organization** wishimiye kubagezaho nomero ya munani (8) y'ikinyamakuru **"Tuganire ku buzima bw'imyororokere**, kizwi ku izina **"MY STORY, MY VOICE", (INKURU YANJYE, IJWI RYANJYE)** kigamije guha urubuga abangavu n'ingimbi bagasangiza bagenzi babo inkuru z'impinduka ku buzima bwabo ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, ndetse no kwikorera ubuvugizi ku bibazo bikibugarije bibazitira kubona amakuru na serivise ku buzima bw'imyororokere nk'uburenganzira bwabo.

Muri iki kinyamakuru kandi, harimo n'inyigisho zisoza mugezwaho na Save Generations Organization mu gice cyiswe "***Haha ubwenge***".

***Izi ni inkuru z'impinduka abangavu n'ingimbi bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye mu karere ka Kamonyi na Gasabo mu bigo by'amashuri Save Generations Organization ikoreramo ibikorwa byayo byo kongerera ubumenyi abangavu n'ingimbi ku buzima bw'imyororokere, bifuje gusangiza bagenzi babo abiga n'abatiga.***

***Dore ibyo bavuze k'uburenganzira bamenye bafite ku buzima bw'imyororokere na serivise bijyana, uruhare bafite ku bibakorerwa n'ubumenyi bafite ku buzima bw'imyororokere.***



# Mubyukuri Kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana birafasha!!!

Kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana birafasha, kenshi na kenshi usanga abangavu n'ingimbi bahura nibibazo byinshi bishingiye ku kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana, iyo batagize amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana, bahura n'imbogamizi zitandukanye ku buzima bwabo zishingiye ku kutamenya, twavuga mo kutamenya serivise bemerewe guhabwa ku buzima bwabo bw'imyororokere, ikigero cy'imyaka bisaba ndetse ntibamenye naho bakura izo serivise mugihe bazikeneye, abangavu n'ingimbi bo mu bigo by'amashuri Save Generations Organization ikoreramo mu karere ka Kamonyi na Gasabo twaganiriye umva icyo babivuzeho:



# Namenye ko mfite uburenganzira ku bikorerwa umubiri wanjye, nijye ubwange mu yobozi wuwo ndiwe

Nitwa **UWITUZE Monia,** ndi umukobwa, mfite imyaka 15, niga mu mwaka wa 2 w'amashuri yisumbuye mu kigo cya G.S Kabuga mu karere ka Gasabo. Iyo uri umukobwa ni ingenzi ko umenya uwo uriwe ndetse ukamenya uko witwara mu buzima bwa buri munsi, ijambo Oya ridufasha kwirinda bimwe mu bishuko duhura nabyo nk'abakobwa, kenshi na kenshi aho duturuka harigihe usanga ntamahirwe tugira yo kumenya uburenganzira dufite ku bidukorerwa, ugasanga kumenya ko aritwe dukwiye kwifatira ibyemezo no kugira amahitamo mu bidukorwa ari imbogamizi kuri twe, nakuze nziko umukobwa nyawe akwiye gufatirwa imwanzuro n'ababyeyi be cyangwa abamurera, nagiraga isoni nkumva ko ntakwiye kuba nabaza cyangwa ngo nsabe serivise izo ari zo zose z'ubuzima bw'imyororokere arijye ubijyizemo uruhare. Sinari kubasha kugira icyo nsobanuza cyane cyane cyerekeye impinduka yose yaba ku mubiri, natekerezaga ko uwo nabaza yamfata ukundi ntari, nashoboraga guhura n'ikibazo nkabyicecekera singire uwo mbibwira, nk'umubyeyi cyangwa undi wese wamfasha.

Nkimara kugera muri club y'ubuzima bw'imyororokere twashyiriweho na Save Generations Organization ku kigo nigaho, nasobanukiwe bimwe mubyo nafataga uko bitari ndetse nungukiramo byinshi ntarinzi, ibyo nafataga nkibitavugwa nasanze babiganira ndetse ari ibintu bisanzwe ,mbona ko Atari ibishegu nkuko nabifataga mbere, ***twahawe inyigisho pe!*** Namenye ko arijye wo kumenya uburenganzira bwanjye mu binkorerwa, nijye ukwiye kwifatira ibyemezo mu byo nkora, ubu nzi neza ko nemerewe guhabwa serivise iyo ari yo yose ku buzima bw'imyororokere, nabasha gusobanuza icyo ntasobanukiwe y'aba kwa muganga n'ahandi hose batanga serivise zemewe z'ubuzima bw'imyororokere.

## *Ni iyihe nama waha abakobwa bajyenzi bawe?*

Bakobwa bajyenzi banjye, mumenye neza ko twese dufite uburenganzira mu bidukorerwa, nitwe ubwacu twemerera cyangwa tugahakanira uwariwe wese washaka kudukoresha ibyo ashaka cyane cyane kuko akenshi hari igihe abikora agamije inyungu ze bwite, banza urebe ndetse utekereze neza mugihe ugiye gufata umwanzuro ku cyemezo runaka, amahitamo yacu meza nibwo buzima bwacu bwejo hazaza.

**UWITUZE Monia**

Gira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere maze urusheho gusobanukirwa byinshi utari uzi wahoraga wibaza, "*urumukobwa?*" Menya ko ari ibyagaciro kuba uri umukobwa ujya mu mihango, *"wajyaga wumva ko biteye isoni?"* Ese wabifataga nk'uburwayi? Mugenzi wacu terwa ishema no kuba unjya mu mihango. Kujya mu mihango n'ishema ryacu nk'abakobwa, si uburwayi ndetse ntasoni biteye.





# Kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere bituma tugira umurongo nyawo tujyenderaho nkabakobwa

NItwa **UWASE Sonia,** ndi umukobwa, mfite imyaka 17, niga mu mwaka 3 w'amashuri

Yisumbuye mu kigo cya G.S Gasagi mu Karere ka Gasabo. Kuba ndi muri club twashyiriweho na Save Generations Organization ku kigo nigamo byaramfashije cyane, byatumye nisobanukirwa ndetse mbasha kumenya ubushobozi bundimo, menya neza ko ndi umukobwa wifatira icyemezo mu buzima bwanjye kuburyo ntawundi wagira amahitamo y'ibyo ashaka kurijye ntabijyizemo uruhare.

Namenye imihindagurikire y'umubiri wanjye, mbere nabaga mu bwigunjye, nagira impinduka mbona zije ku mubiri wanjye nkabifata nkibidasanzwe ndetse nkabifata nk'uburwayi, sinatekerezaga ko umukobwa nkanjye nshobora guha umurongo imibereho yanjye kuko nibwiraga ko byaba ari ukwica umuco, nashoboraga kugwa mu ikosa rishingiye ku ku tamenya ngo nsobanukirwe ko arijye ubwanjye wo kwifatira icyemezo ku buzima bwanjye.

### *UMVA MBAGANIRIZE:*

*"Nigeze kuba ndikumwe nabandi bakobwa bajyenzi banjye, umwe muribo atuganiriza zimwe mumpinduka yari yagize ariko twese tubura icyo tumusubiza kuko ntamakuru twari dufite, icyantangaje muribyo nuko wasangaga twese ntanumwe wagira icyo afasha undi.*

*Nagiriwe amahirwe yo kuba muri club mpura na bagenzi banjye ndetse duhabwa inyigisho na Save Generations Organization, ubu nabashije gusobanukirwa ibyo ntarinzi, ubu mbasha gusobanurira bagenzi banjye nkabigisha ku buzima bw'imyororokere, byabihuha twagiraga ndetse nazampinduka zatubagaho tudasobanukiwe mbasha kwereka bagenzi banjye ko ari ibintu bibaho, mugihe bikeneye ubundi bufasha nkaba nabagira inama yo kujya kwa muganga"*

### NJYENDEYE KURI IYI NKURU YANJYE

Ndasaba abandi bakobwa bajyenzi banjye ko bakwiye guharanira impinduka mu buzima bwabo, bakareka kumva ko hari undi ugomba kubamenyera abo bari bo ahubwo bakumva ko ari inshingano zabo kwimenya nmo gufata ibyemezo bikwiye ku buzima bwabo.

Bamenye service zitangwa ku buzima bw'imyororokere, harigihe nk'umukobwa ushobora guhura n'ihohoterwa cyangwa igishuko utateganije nko gusambanywa nibindi bishingiye ku mibonano mpuzabitsina, nibyiza ko wahita wihutira kujya kw'isange one stop center ziba ku bitaro bikwegereye , bakagufasha kubona ubuvuzi, ubutabera n'ubufasha bukwiye, ikindi kandi mugihe wahohotewe bagufasha kubona ubutabera, saho gusa kuko wakwihutira no kujya ku kigo cyurubyiruko, icyigo nderabuzima nabo bagufasha. Nibyiza ko tugira amakuru y'ukuri ku bubima bw'imyororokere

**UWASE Sonia**

Twese abakobwa n'abahungu kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana biratureba!!!

*Ntawe usigaye inyuma*





## Iyondebye nsanga nari narahombye pe! Nashoboraga kugwa mu gishuko cyangwa nange nkaba nashuka bagenzi bange bitewe no kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere

Nitwa **IZERE GISA Regis** , ndi umuhungu, mfite imyaka 15, niga mu mwaka wa 3 w'amashuri yisumbuye mu kigo Cya G.S Kabuga mu Karere ka Gasabo. Kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere birafasha, njye byaramfashije cyane, maze igihe cy'ingana n'umwaka 1 mbarizwa muri club y'ubuzima bw'imyororokere ku cyigo nigaho ariko byaramfashije cyane. ***Nari narahombye pe!*** Nabaga mu gakungu kabasore bagenzi banjye ariko ugasanga kenshi na kenshi mu biganiro tukibanda kuvuga amakuru yerekeye kuri bashiki bacu, menshi muri yo yabaga yuzuyemo ibihuha, ntanumwe muri twe wabaga afite amakuru y'ukuri kubyo turi kuvugira aho, nashoboraga kugwa mu gishuko cyangwa nange nkaba nashuka bagenzi bange babakobwa, ubu narasobanukiwe, ndetse nishimira amakuru maze kugira ku buzima bw'imyororokere, nzineza uko nakwirinda indwara zandurira mu mibonanompuzabitsina icyindi kandi nzi neza uko nakwirinda ndetse nkarinda bagenzi banjye inda zitagejeje igihe, icyindi kandi nabasha kugira inama bagenzi banze yaba abahungu ntibagiwe n'abakobwa, muri iki gihe usanga inda zitagejeje igihe ziri kwiyongera mu bana bato, ibi biterwa no kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere nk'uburyo bwiza bwo kwirinda, usanga abakobwa benshi harimo ababa mu bigare bya bagenzi babo muribo harigihe usanga hari abafite imico itarimyiza yo kuyobya bagenzi babo, iyo hagize uwisanga muri ibi bigare bya bagenzi be,

Akabibamo atarigishijwe ngo abashe kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere usanga y'ishora mu bikorwa by'ubusambanyi, muri uko kubikora ugasanga y'ibagiwe gukoresha agakingirizo akaba yatwara inda atateganije cyangwa akanduriramo zimwe mu ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina nka SIDA, imitezi, mburugu n'izindi.

### *NI IKI WASABA BAGENZI BAWE MU NGANA?*

Ndasaba abahungu bagenzi banjye ndetse ntibagiwe n'abakobwa, bamenye ko ubuzima buri mu biganza byacu, buri wese iyo ahuye n'ingaruka zishingiye ku kutamenya niwe bijyiraho ingaruka, ndetse ugasanga siwe wenyine uhuye nizo ngaruka ahubwo bigakora no ku muryango we, ejo heza haratureba, twirinde ibigare ndetse duharanire kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere. Icyindi nsaba bagenzi banjye tubana muri club, tugire uruhare mu guhindura bajyenzi bacu badafite amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere, tubana nabo kandi tuganira umunsi ku munsi, jye narabitangiye, nigisha bajyenzi banjye nkabasangiza amakuru y'ukuri namenye ndetse nkabatiza infashanyigisho n'ahawe na Save Generations Organization z'ivuga ku buzima bw'imyororokere, zirimo udutabo ndetse n'ikinyamakuru My Story My Voice cy'irimo inkuru z'impinduka duhabwa na bajyenzi bacu bagize icyo bamenya ku buzima bw'imyororokere

**IZERE GISA Regis**

Mwangavu, ngimbi namwe rubyiruko muri rusange, mugihe ubonye uwakoze cyangwa wakorewe ihohotera, watabaza cyangwa ugashaka ubufasha wifashishije izi numero zikurikira



**Numero wahamagara mu gihe uhuye n'ikibazo ukeneye ubufasha kuri ibi bikurikira:**

| | |
|---|---|
| 3512 | Ihohotera rikorerwa mungo, cyangwa rishingiye ku gitsina |
| 3029 | Isange One Stop Centre |
| 116 | Gutabariza umwana wakorewe ihohotera |
| 9059 | MIGEPROF |
| 711 | NCDA |



## Ni ingenzi ko twese abahungu n'abakobwa dufatanya gukumira indwara zandurira mu mibonanompuzabitsina, ndetse tugaharanira kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere

Nitwa **NZIZA Blesse**, ndi umuhungu , mfite imyaka 16, niga mu mwaka 3 w'amashuri yisumbuye mu kigo Cya G.S Kabuga mu karere ka Gasabo. Namenye ko habaho amakuru y'ubuzima bw'imyororokere ngeze ku ishuri, murugo ntago twabonaga uko tubiganira, numvaga ko umuhungu ntaho ashobora guhurira n'umukobwa amuha ubufasha mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, umukobwa yashoboraga guhura n'ikibazo cyijyanye n'ubuzima bw'imyororokere yagize imihindagurikire y'umubiri nk'igihe ari mu mihango nkamuha urwamenyo, nkamuseka kuko nabifataga nkibitabaho ndetse nkumva bintunguye cyane, ubwo nahitaga mbifata nk'ibidasanzwe bigatuma uwo mujyenzi wanjye mubona muyindi shusho, Ntamakuru narimfite ajyanye nuko nakwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, nakuze numva ko zandurira mu mibonano mpuzabitsina mugihe uyikoze utarakura, sinarinzi byukuri ko umuntu ashobora kwandura mugihe wayikoze idakingiye, kukijyanye na serivise z'ubuzima bw'imyororokere ntacyo narimbiziho, ariko ubu namenye ko ngomba kwikunda, namenye ko buri wese yaba umuhungu cyangwa umukobwa arebwa n'ubuzima bw'imyororokere, namenye ko twese dukwiye gufatanya muri ubu buzima, biratureba twese kwirinda indwara zandurira mu mibonanompuzabitsina idakingiye kuko iyo wazanduye bituma ubaho ubuzima bwawe utishimye cyane cyane mu mikurire yawe, rimwe na rimwe ukaba wakwitera ikizere, iyo hatagize ukuba hafi.

Ndashimira Save Generations Organization yo yaduhurije hamwe, tugahabwa amakuru ku buzima bw'imyororokere, tukerekwa ibyo twari tuzi ko bitabaho, ndetse tukamenyeshwa uburenganzira bwacu, nabandi bahungu bagenzi banjye ndabasaba ko bakwiye guharanira kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere kuko bituma uwayagize agasobanukirwa agira umurongo mwiza w'ubuzima, igihe tujyezemo hari inzira nyinshi umuntu wese ashobora gukuramo amakuru, cyane cyane nkatwe urubyiruko, navuga nk'ikoranabuhanga, ku miyoboro yose inyuzwaho amakuru ariko kenshi na keshi ugasanga ariya makuru anyuzwaho kenshi harigihe aba Atari amakuru y'ukuri yakuyobora inzira nziza, birakwiye rero ko tumenya aho twabariza amakuru y'ukuri adufasha, wabariza ku kigo nderabuzima, ku kigo cy'urubyiruko, Isange one stop center cyangwa umwarimu ubishinzwe mu kigo wigaho nawe yagufasha mu gihe udafite club y'ubuzima bw'imyororokere ku kigo wigaho niba uri mu ishuri.

**NZIZA Blesse**



# Twese abangavu n'ingimbi birakwiye ko duhabwa umwanya wo kuganirizwa ku buzima bw'imyororokere

Nitwa **UWAYO IZERE Christelle**, ndi umukobwa , mfite imyaka 13, niga mu mwaka wa 6 wama shuri abanza mu cyigo cya G.S Ngamba mu Karere ka Kamonyi. Nkigera mu rubuga twahawe na Save Generations Organization ku ishuri natunguwe no gusanga umwana wese abasha kwisanzura akavuga ndetse agahabwa inyigisho ku buzima bw'imyororokere, ntungurwa no kubona duhabwa umwanya tukavuga ibibazo dufite duhura nabyo ku buzima bw'imyororokere ntasoni biduteye nk'abangavu n'ingimbi, bigahabwa agaciro ndetse tukanasobanurirwa ibyo twibaza bijyanye n'ubuzima bwacu bw'imyororokere, nahoranaga ibihuha nkura muri bagenzi banjye nahandi hose hatizewe, sinamenyaga niba amakuru mfite atariyo kuko nabaga nizeye inshuti zanjye zayampaye, numvaga ko abakobwa dukwiriye kumenya ibyacu bitureba abahungu nabo bakamenya amakuru yabo yihariye, numvaga biteye isoni kuganira ku buzima bw'imororokere kuko numvaga byafatwa ukundi nk'umushizi w'isoni n'ibindi. Aho ngereye mu rubuga duhuriramo ku ishuri muri Save Generations Organization nahawe amakuru yizewe ku buzima bw'imyororokere, mpabwa imfashanyigisho zirimo udutabo turimo amakuru yizewe, byaramfashije cyane kwitinyuka kuburyo ubu nsigaye mbasha kuvuga ikibazo mfite ndetse no kwegera ababyeyi tukaganira ku buzima bw'imyororokere. Namenye uburenganzira mfite bwo kwirinda no kurinda abandi ihohotera iryo ari ryo ryose harimo n'irishingiye ku gitsina.

## "Christelle ni iyihe nama wagira bagenzi bawe?"

**Inama nagira abandi bakobwa nuko bakwiye kumenya ko hanzaha hari ibishuko byinshi bigamije kudushora mu mibonano mpuzabitsina, nitwe ubwacu dukwiye kwifatira ibyemezo tukirinda ibi bishuko kuko ntakiza bituzanira, twirinde uburyohe bwakanya gato ahubwo duharanire kubaho kwacu kwigihe kirekire ntangaruka twatewe no kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere.**

**Ndashishikariza bagenzi banjye twahuguwe na Save Generations Organization ko dukwiye gutanga amakuru yizewe ku buzima bw'imyororokere kugirango turinde bagenzi bacu kujya mu ngeso mbi, muze dufatanye no kugarura abagiye mu ngeso mbi nabo bongere bagaruke bagire amakuru y'ukuri abafasha ku menya uko bitwara muri bajyenzi babo.**

UWAYO IZERE Christelle

# UBUVUGIZI KU BIBAZO BY'ABANGAVU N'INGIMBI KU BUZIMA BW'IMYORORORKERE.

**1**

Kenshi na kenshi usanga kubona serivise z'ubuzima bw'imyororokere bikigoranye kuri twe abangavu n'ingimbi, ku bigo ndera-buzima haracyari aho ujya gusaba serivise umukozi uhasanze ugomba kugufasha harigihe usanga ari umuntu mukuru ukuruta ndetse uziranye n'ababyeyi cyangwa abaturera bityo bikatugora ku mwisanzuraho, bitewe nuko harigihe watekereza ko aribuze kubibwira ababyeyi bawe cyangwa abakurera, byarushaho kuba byiza hashyizweho abakozi bakiri batoya ndetse bagahabwa amahugurwa y'uko bajya bita kuwaje abagana.

**2**

Iyi ni inkuru y'ubuvugizi yagiye igarukwaho kenshi no muzindi nomero zikinyamakuru My Story My voice ikaba itarabonerwa igisubizo, ni inkuru igarukwaho n'abangavu n'ingimbi bo mubigo by'amashuri mu karere ka Kamonyi na Gasabo batugaragarije ibyifuzo bafite ku abayobozi yuko mugihe habaye igikorwa gihuza abantu benshi, nk'umuganda cyangwa ibindi bihuza abantu benshi, ko bakwiye kujya banyuzamo bagatumira nk'umujyanama w'ubuzima cyangwa undi wese ufite ubumenyi ku buzima bw'imyororokere wabihuguriwe agatambutsa ubutumwa buvuga ku buzima bw'imyororokere, kuko ibibazo bishingiye ku kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere birajyenda birushaho gufata indi ntera, mugihe izi nyigisho zatangwa abantu benshi barimo n'ababyeyi bazasobanukirwa ko kuganira ku buzima bw'imyororokere ari ibisanzwe bityo barusheho kwiyumvamo inshingano zo kuganiriza abana babo by'umwihariko ku buzima bwabo bw'imyororokere.

**3**

Nkatwe abangavu turi mu mashuri turasaba ubuyobozi bw'ibigo by'amashuri ko bakwiye kwegera abana by'umwihariko abakobwa bakabafasha kubona amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere, nibatwegere baduhe amakuru kubuzima bw'imyororokere, badushyirireho icyumba cy'isuku ndetse cyirimo ibikoresho bihagije kuko kenshi na kenshi harigihe usanga niyo icyo cyumba gihari usanga ntabikoresho by'isuku birimo twifashisha mugihe turi mu mihango.

**4**

Rimwe na rimwe abangavu n'ingimbi duhura n'ikibazo cyo kutabona aho dukura amakuru yizewe ku buzima bw'imyororokere, bityo rero turasaba Save Generations Organization, ibigo bya leta cyangwa byijyenga ko bakwiye kwandika ibitabo byinshi bivuga ku buzima bw'imyororokere bigatangwa ku bigo by'amashuri bigahabwa abanyeshuri, ibi bizatuma buri wese abasha kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere ndetse agere no kuri benshi yaba abiga n'abatiga kuko tuzaba dufite aho twayakuye kandi hizewe.

# HAHA UBWENGE!!!

Iki kinyamakuru n'i urubuga rw'abangavu, ingimbi n'urubyiruko, kigaragaza ink'uru z'impinduka zitangwa n'abangavu n'ingimbi ndetse n'urubyiruko bagamije guha ubuhamya bagenzi babo ndetse no gukora ubuvugizi ku bibazo by'ugarije bikigaragara ku buzima bw'imyororokere, kubera ko kugeza kuri ubu isi yugarijwe n'ibibazo by'ubuzima bw'imyororokere, byinshi byibasiye urubyiruko, by'umwihariko ruri hagati y'imyaka 10 na 24. Muri ibi bibazo higanje ikibazo kenshi cyibanda k'ubuzima bw'imyororokere n'uburenganzira bubushamikiyeho, ni kimwe mu bibazo byugarije urubyiruko ku isi harimo no mu Rwanda , kenshi na kenshi usanga urubyiruko rudafite amakuru ahagije ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyanye, abenshi mu bangavu, ingimbi n'urubyiruko muri rusange usanga badafite ubumenyi, imyumvire n'ubumenyingiro bihagije cyangwa bikwiye ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere. Ubusanzwe ubumenyi ni intwaro ifasha gukora neza ibintu bitandukanye, ariko hari abavuga ko ibi bidakora ku ngingo zijyanye n'inyigisho ku buzima bw'imyororokere. Ibi bigaterwa n'impamvu zitandukanye kandi bikagira ingaruka zikomeye ku buzima bwabo, imiryango bakomokamo ndetse ni Igihugu muri rusange, muri izi mpamvu ziganjemo imyumyire itariyo bamwe baba bafite ishingiye ku myemerere, imyizerere, imyumvire ndetse n'umuco, Abenshi mu rubyiruko twaganiriye bemeza ko kwiga inyigisho zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere bifasha aho kuroha uzigishijwe. Abahuguwe ku buzima bw'imyororokere bagacengerwa ninyigisho zijyanye nabyo bavuga ko kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere bibafasha gukora amahitamo akwiye kandi mazima, ndetse ari uburyo bwiza bwo kwirinda ibishuko bibashora mu mibonanompuzabitsina ndetse n'ibyakwangiza ubuzima bwabo kubera kutagira amakuru y'ukuri kandi y'izewe no kumenya uburenganzira bafite ku buzima bwabo bw'imyororokere. Abangavu, ingimbi n'urubyiruko iyo batagize amakuru ahagije ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana, bahura n'imbogamizi zitandukanye ku buzima bwabo zishingiye ku kutamenya, twavuga mo kutamenya serivise bemerewe guhabwa ku buzima bwabo bw'imyororokere ndetse ntibamenye naho bazikura mugihe ari ngombwa, muri izo serivise twavuga:

-Serivisi zibanda cyane ku buzima bw'imyororokere harimo izo gukumira inda ziterwa abangavu;

-Gukumira no kuvurwa indwara zandurira mu mibonanompuzabitsina idakingiye;

-Gukumira ihohotera rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe;

- Ubujyanama no gupimwa Virusi itera SIDA;

- Ubujyanama ku bitegura kurushinga;

-Ubujyanama bujyanye no kwirinda gukuramo inda mu buryo budakurikije amategeko no kwita ku wagize ingaruka zo gukuramo inda;

-Inyigisho ku kamaro ko gukebwa ku bahungu no gutanga iyo serivisi.

Iyo abangavu, ingimbi n'urubyiruko batinyutse, bakagira amatsiko yo kumenya ndetse bakaganirizwa ku buzima bw'imyororokere barushaho kumenya ko izo serivise bazemerewe ndetse bakamenya ko ari uburenganzira bwabo kuzihabwa kandi kugihe, usanga kandi bafite amakuru ahagije yaho bashobora kuzikura nko kwa muganga, mu kigo cy'urubyiruko, Isange one stop center ,cyangwa ku ishuri bigaho kubari mu mashuri, ibi ni uburenganzira bwa buri wese yemerewe ndetse muri ubwo burenganzira hiyongeraho: -Uburenganzira bwo kubaho; -Uburenganzira ku busugire bw'umubiri;

- Uburenganzira bwo gufatwa kimwe no kudahezwa muri gahunda z'ubuzima bw'imyororokere;

- Uburenganzira bwo gushaka, gushinga urugo no kugira umuryango;


- Uburenganzira ku kubahiriza ubuzima bwite bwa muntu no kugirirwa ibanga;

- Uburenganzira bwo kubona amakuru no kwigishwa ku buzima bw'imyororokere ndetse n'uburenganzira ku buzima buzira umuze.

Ku bangavu n'abakobwa bamenye ko bafite uburenganzira bwo kwakwa uruhushya mugihe hari ikigiye ku bakorerwaho, bamenye ko aribo ubwabo bemera gutanga ubwo burenganzira bwo kwemera cyangwa guhakana icyo badashaka kibakorerwa gishingiye ku buzima bw'imyororokere, ingimbi n'abahungu nabo bamenye neza kubahiriza uburenganzira bwa bashiki babo ntibumve ko aribo babafatira ibyemezo kuri buri kimwe nko kubakoresha icyo badashaka n'ibindi,

**Icyitonderwa:**

Kugira uburenganzira ku buzima bw'imyororokere ntibivuze kwishora mu mibonano mpuzabitsina ukiri muto. Ku ngimbi n'abangavu ni byiza kwifata kugeza igihe bashatse. Iyo kwifata byanze ni byiza gukoresha agakingirizo neza kandi buri gihe, mu rwego rwo kwirinda inda ziterwa abangavu, virusi itera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye.




# M@GAZiNE